Republika y'u Rwanda
Minisiteri y'Ubuzima

Amabwiriza mashya yo kwirinda Covid-19 ahakorerwa Ubukerarugendo n'ahakirirwa abantu

RDB RWANDA DEVELOPMENT BOARD

Nyuma y'uko bigaragaye ko muri iyi minsi imibare y'abanduye Covid-19 yazamutse, Leta y'u Rwanda yashyizeho amabwiriza mashya agamije gukumira ikwirakwizwa ry'icyo cyorezo. Amabwiriza yihariye akurikira yashyizweho agamije kwirinda ikwirakwira rya Covid-19 muri hoteli na resitora, zikunze gusurwa cyane ndetse n'ibindi bikorwa by'ubukerarugendo mu Ntara. Kuri hoteli na resitora zongerewe ku rutonde, aya mabwiriza azatangira kubahirizwa kuwa gatanu tariki ya 25 Kamena 2021:

1. Abakozi BOSE ba hoteli na resitora zatoranyijwe n'abakiriya bajyayo BOSE bagomba kugaragaza icyemezo cy'uko bapimwe COVID-19 (hifashishijwe uburyo bwa PCR cyangwa Antigen Rapid Test) kandi ko batayirwaye;

2. Ibisubizo byo kwipimisha bizaba bifite agaciro k'iminsi 7 ku bakiriya n'iminsi 14 ku bakozi;

3. Kwipimisha bikorerwa kuri site zagenwe cyangwa ku mavuriro yigenga yabyemerewe Reba (https://www.rbc.gov.rw/fileadmin/user_upload/annoucement/Private%20hospitals%20AG%20RDT%20COVID19.pdf). Uwipimisha yiyishyurira ikiguzi cyo gupimwa;

4. Amavuriro yemerewe gupima ashobora kumvikana na hoteli bakagena ko gupima bibera kuri hoteli. Icyo gihe hoteli igena icyumba cyo gupimiramo;

5. Abakozi b'amavuriro yemerewe gupima kandi babyigiye ni bo bonyine bemerewe gupima, kandi ibisubizo bigomba koherezwa ku rubuga mpuzamakuru rw'Ubuzima. Ibisubizo bikimara gushyirwa ku rubuga, uwapimwe yohererezwa ubutumwa bugufi burimo ijambo ry'ibanga rimufasha kubona ibisubizo bye ku rubuga rwa RBC, https://his.hmis.moh.gov.rw/results/;

6. Buri mukiriya agomba kwerekana ibisubizo bye ku marembo ya hoteli cyangwa resitora, aho umukozi wagenwe azajya asuzuma kode QR iri ku rupapuro rw'ibisubizo rw'umukiriya bityo akabasha kwinjira mu rubuga rumufasha kwemeza ko ibisubizo ari iby'ukuri. Umukiriya ashobora no gusabwa kwerekana ibyangombwa bimuranga mu gihe hagenzurwa ukuri kw'ibisubizo yerekanye;

7. Abakiriya bose bacumbika muri hoteli basabwa kugaragaza bakihagera icyemezo cy'uko bapimwe COVID-19 kandi ko batayirwaye. Ibi biranareba abakiriya baza kuri hoteli cyangwa resitora batarara kuko na bo bazajya basabwa kwerekana icyemezo cy'uko bapimwe COVID-19 kandi ko batayirwaye;

8. Hoteli na resitora bireba zizajya zishyikiriza RDB na RBC buri byumweru bibiri raporo kuri tourism.regulations@rdb.rw na info@rbc.gov.rw igaragaza uko abakozi bapimwe;

9. Hoteli na resitora zirasabwa kuzajya zishyira ahabona itangazo rigaragaza neza umubare w'abantu zishobora kwakira ahagenewe guhurira abantu hose, uhwanye na 30% by'ubushobozi bwaho bwo kwakira abantu;

10. Umukiriya uterekanye icyemezo nyacyo cy'uko yipimishije ntazemererwa kwinjira muri hoteli cyangwa resitora;

11. Urutonde rwa hoteli na resitora zirebwa n'aya mabwiriza ruri ku mugereka. RDB ishobora kuruvugurura igihe cyose bibaye ngombwa;

12. Aho bishoboka, abantu barashishikarizwa guhurira cyangwa gufatira amafunguro hanze kuko ari byo bitanga amahirwe yisumbuye yo kudakwirakwiza icyorezo cya COVID-19. Ariko abantu bagomba gukomeza kubahiriza amabwiriza yo kwirinda COVID-19;

13. Mu zindi hoteli na resitora zitari ku rutonde ruherekeje aya mabwiriza RBC izajya ikora ipima ritunguranye ku bakiriya cyangwa abakozi;

14. Ibikorwa by'ubukerarugendo bizakomeza hubahirizwa amabwiriza yo kwirinda COVID-19. Abagenzi bose berekeza mu bice binyuranye hagati y'Umujyi wa Kigali n'Intara no hagati y'Uturere, ubariyemo n'abashoferi, basabwa kuzuza inyandiko isaba uruhushya rw'inzira iboneka aha www.visitrwanda.com/domestic-tourists-facilitation-form/ bagashyiraho kopi z'ibyemezo by'uko bipimishije COVID-19 kandi batayirwaye, bakabyohererereza kuri visitrwanda@rdb.rw hasigaye nibura amasaha 24 ngo batangire urugendo;

MINALOC, RDB, RBC na RNP bazafatanya kugenzura uburyo aya mabwiriza mashya yubahirizwa; turashishikariza abantu kujya bipimisha buri cyumweru, kugirango bibafashe kuba bafatira amafunguro aho bashatse mu gihe cy'icyumweru ari na ko bubahiriza amabwiriza yo kwirinda ikwirakwizwa ry'icyorezo cya COVID-19.

Bikorewe i Kigali, kuwa 23 Kamena 2021

Dr. Daniel NGAMIJE
Minisitiri w'Ubuzima

Clare AKAMANZI
Umuyobozi Mukuru wa RDB